Republic of Rwanda
Western Province
**Rubavu District**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka guha akazi abantu mirongo itatu (30) bo mu Rwego rushinzwe kunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Ababikeneye bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba abishaka;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba agejeje ku myaka cumi n'umunani (18yrs) kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25yrs);
- Kuba afite impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye;
- Kuba afite ubuzima buzira umuze bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe na Leta;
- Kuba atarigeze akatirwa igihano ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka mu murimo uwo ari wo wose wa Leta;

**Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira**:

- Ibaruwa isaba akazi yandikiwe umuyobozi w'Akarere ka Rubavu;
- Icyangombwa kigaragaza ko atigeze afungwa
- Icyangombwa kigaragaza ko ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubugenzacyaha (RIB)
- Foto copi y'impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye (A2) itariho umukono wa noteri;
- Foto copi y'irangamuntu cyangwa pasiporo (passport);

**N.B**: Kuba witeguye gukorera mu Mirenge yose igize Akarere ka Rubavu

Izo nyandiko zose zigomba kuba zatangiye kugezwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Rubavu guhera kuwa kane tariki **25/06/2026** kugeza kuwa **15/07/2026** Saa **17h00**.

**Bikorewe i Rubavu, kuwa 25/06/2026**

AKARERE KA RUBAVU
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE UMURIMO GUKUNDA IGIHUGU

**MULINDWA Prosper**
**Umuyobozi w'Akarere**